**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO Y'UMUCO**

Huye, 17 Kanama 2022.
N° 2022/ RCHA/ 312

# ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

*"Ubutumwa bw'akababaro ku rupfu rwa Nkusi Thomas wamenyekanye nka "Yanga"*

Inteko y'Umuco ibabajwe n'inkuru y'akababaro y'urupfu rwa Nkusi Thomas wamenyekanye nka *"Yanga"* mu gusobanura filimi, witabye Imana azize uburwayi, uyu munsi tariki ya 17 Kanama 2022.

Nkusi Thomas wamenyekanye nka *"Yanga"* yagize uruhare mu guteza imbere imyidagaduro mu Rwanda binyuze mu kumenyekanisha no gukundisha benshi firimi zakinwe mu ndimi z'amahanga azishyira mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Inteko y'Umuco nk'urwego rufite mu nshingano iterambere ry'inganda ndangamuco n'ubuhanzi, twihanganishije umuryango we, inshuti ze, abakunzi ba sinema ndetse n'abafatanyabikorwa mu guteza imbere inganda ndangamuco n'ubuhanzi, by'umwihariko uruganda rwa sinema.

Imana imuhe iruhuko ridashira.

Digitally signed by
RCHA(Director General )
Date: 2022.08.17
19:04:59 +02'00'

**Amb. MASOZERA Robert,**
Intebe y'Inteko